Rusayo le 15 Mai 195-2

Ruhengeri
5910

Kwa Bwana Administrateur Assistant

Ndabaramutsa;

Ndasubiza ibaruwa yanyu N° 1082/Just. 4.
Ibaza ibyo umugore witwa KANSHAKA.
muka RWAKAZINA wahungiye i Kigali, ibyo atunze:
Afite inka 2; ngaho na frs 73 y'igihano cy'umugabo we;

Mbasezeyeho

Mchef Mushambokazi
P/o [signature]

RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE DE RUHENGERI

-----------

Ruhengeri, le 7 Mai 1952.-

N° 1082 /JUST.4.

-----------

Kuli sous-chef: MUSHAMBAKAZI,

Ndakumenyesha ko ugomba kubgira umugore witwa KANSHARA, muka Rwakazina ufungiye i Kigali, ko agomba kwishyuza amafaranga umugabo we yasize agurije Gaparaya 70. Ayo mafaranga uwo mugore namara kuyabona, agomba kuzongera ho andi 3 akaba 73, maze akayanzanira kugirango nyoherereze muri Parquet i Kigali. Ayo mafaranga n'igihano baciye umugabo we. Ntabasha gufungurwa adatanzwe.
Uwo mugore ari kwa musaza we witwa RUTERINONI, utuye ahawe.
Ngomba kuzabona igisubizo kw'itariki ya 15 y'ukwu kwezi.
Kandi ndakubaza niba uwo mugore hari bindi bintu atunze.-

L'Administ. Territorial Assistant,

M. POCHET,-

RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE DE RUHENGERI
--------

N° 970 /JUST.4.
----------------

Ruhengeri, le 18 Avril 1952.-

Kuli sous-chef: RUHONNYO,

Ndakumenyesha ko ugomba kubgira umugore witwa KANSHARA, muka RWAKAZINA ufungiye i Kigali, ko agomba kwishyuza amafaranga umugabo we yari yagurije Kaparayi 70. Ayo mafaranga uwo mugore namara kuyabona azongera ho andi 3 kugirango bibe 73, maze akazayazana hano ku biro kugirango nzayohereze muri Parquet ya Kigali, m'igihano baciye umugabowe. Uwo mugore ari kwa musaza we witwa RUKERINONI utuye nawe ahawe ngirango.
Ikindi kandi ugomba kureba niba hari ibindi bintu kwa Rwakazina batunze, maze ukabimenyesha. Rero n'ibintu 2 ugomba gukora. Ntuzageze kwitariki ya 30 utaramenyesha uko byagenze. Ningomba kukwibutsa, uzabona igihano.-

L'ADMINISTRATEUR DE TERRITOIRE,

R.GAUPIN,-

Nº 930/ Jut. 4

Ndago ku 28-4-52

Kwa Bwana L'Administrateur

Ndabaramutsa!

Ndababwira uyu mugore witwa KANSHARA mwarantumyeho ko nzamwaka amafranga y'umugabo we uri mu munyururu kugira ngo ashyura gaparari 70 agashyira ho andi 3. adaba 73. umugabo yamaze gufungwa ajya kwa mushiki we witwa Rutesinoni atuye i Kagoyo s.chef Mushamba Kaji ariko narabumvikanishije, amatungo yabo ni ibishyimbo n'imyaka yindi mikeya. nta nka afite ntabwo atanga intama

Murakoze

Sous chef
Ruhorio L.